NZABONAKURA Athanase
C/O MIJEUCOOP
B.P. 1044 KIGALI.-

Kigali, le 16/9/1988

→ SDCS pour classé

Bwana Ministri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative
K I G A L I.-

Bwana Ministri,

Maze kubona ibaruwa mwanyandikiye n° 2670/ 15.00 yo kuwa 15 Nzeli 1988 insaba gusobanura impamvu ntaje mu MUGANDA wo kw'italiki ya 10 Nzeli, dore uko biteye.

Kuva nagera muli iyi Ministeri ntabwo ndasiba UMUGANDA na limwe ntafite impamvu igaragara, ibyo byagaragaye niyamamalije Ubuselile abamilitante n'abamilita bakantora. Aha rero birerekana ko maze kuba Umuselile sibwo nabiba UMUGANDA.

Iliya taliki ya 10 Nzeli 1988 nali gucuruza amatike y'URUKERERERZA rwagombaga gukina saaa cyenda mu Inzu Ndanga Muco y'Abayisirami i NYAMIRAMBO, twatangiye gucuruza amatike saa moya za mugitondo turangiza saa munani n'igice. (Kureba icyemezo cy'Umuyobozi w'URUKERERERZA) Directeur du Folklore et Loisirs.

Mbaye mbashimiye, Bwana Ministri, uko mwakira ibisobanuro byanjye.

Bimenyeshejwe :
- Bwana Umuyobozi Mukuru
  w'Urubyiruko
  K I G A L I.-

NZABONAKURA Athanase.-

[signature]

Note au Ministre

Effectivement, pour cette journée du 10 septembre 1988, Mr Nzabonakura Athanase était chargé de la vente des tickets depuis le matin jusqu'à 14h30'-

Ntelitiyuka Jean B-
16/9/88